



# Gukora amashyamba mashya

Kumenyera

Terkule Aorabee

Ubuhinduzi

Francine

Muhawenimana

Maya Marshak

Kinyarwanda



Abantu bo mu Rwanda bakunda ibiti ariko barabitema bashaka inkwi. Abantu bakunda inyamaswa ariko batwika ibihuru kugirango bice imbeba. Murambi, Kibuye, Janja, hamwe n'abantu bose bo mu murima ya Gishwati. Amashyamba yarashize.




Buri mwana agomba  
kwiya guhinga ubutaka no  
gutera igiti buri mwaka.  
Mugihe bakura no  
kuvomera ibiti kugirango  
bikurane nabo.




Abakobwa n'abahungu mu  
mashuri bagomba kwiga  
gutera ibiti hafi y'ishuri.  
Niba buri mwana atereye  
igiti akakivomera imyaka  
bamara mw'ishuri, tuzubaka  
amashyamba mashya.



Ababyeyi murugo  
n'abarimu ku ishuri  
bagomba kwigisha abana  
gukunda no kurinda ibiti.  
Ubuzima bwacu  
bushingiye kubuzima  
bw'ibiti bizima.



Buri mwarimu agomba kwigisha abana gusoma uburyo ibiti bidufasha kuramba. Ibiti birinda ibidukikije umuyaga mwinshi. Birinda ubutayu kandi bifasha ubutaka kubyara ibiryo byinshi, ibiti bitanga ubwugamo izuba rikaze.



Mugihe abana bakura bakajya muri kaminuza, bazasobanukirwa kurushaho ko dukeneye ibiti byinshi bidukikije kugirango tubeho neza. Umwuka duhumeka twinjiza uturuka ku biti kandi uwo duhumeka dusohora ukoreshwa n'ibiti.



Mu kwigira byinshi, bazamenya ko turi mu kaga nidukomeza gutema ibiti. Isuri izakomeza gukarabya ubutaka. Izuba rizakomeza gutanga ubushyuhe bwinshi. Umuyaga uzakomeza kumanura amazu.






Bazakura batabone ibiti cyangwa inyamaswa. Ndetse inkwi zo guteka ibiryo zizagurwa mu bihugu bya kure. Abagore bo mu cyaro bazababazwa no gucana umuriro no guteka ibiryo. Abana bazasonza cyane.



Ni twigisha abana gutera  
ibiti, bazigisha abana  
babo gutera byinshi.  
Abagore n'abagabo mu  
midugudu yacu  
bazahinga ibiti byinshi,  
ibiryo byinshi  
n'amafaranga menshi.  
Imiryango izagira  
umunezero.



Igihe nikigera, inzuzi zizatamba kandi ikiyaga cya Kivu kizaba cyuzuye. Abarobyi bazafata amafi menshi. Abashumba bazabona ibyatsi n'amazi. Abahinzi bazavomera ibihingwa byabo. U Rwanda ruzongera kugira amahoro.



Umubyeyi wese azambara inseko nziza n'amakanzu y'amabara. U Rwanda ruzaba ahantu heza kandi heza ho gutura. Abantu beza; Ibidukikije byiza.



Ibiti binini bikura ku  
mbuto nto. Igitu gito uyu  
munsi kizaba igiti kinini  
ejo. Abana bato bazaba  
abantu bakomeye ejo.  
Abana bato bagomba  
gutera no kuvomera ibiti  
bitu uyu munsi

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriyemuburyo bukurikira:

Gukora amashyamba mashya

**Umwanditsi** -- Nicola Rijdsdijk

**Kumenyera** -- Terkule Aorabee

**Ubuhinduz** -- Francine Muhawenimana

**Icyitegererezo** -- Maya Marshak

**Ururimi** - Ikinyarwanda

**Urwego** -- Igika cya mbere

© Nicola Rijdsdijk, Maya Marshak, Tarryn-Anne Anderson, Bookdash.org and African Storybook Initiative  
2015

Creative Commons: Attribution 4.0

Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Inkomoko [www.africanstorybook.org](http://www.africanstorybook.org)

Inkomoko yumwimerere [www.bookdash.org](http://www.bookdash.org)

2023.06.13

